UMUHANGO WO GUSHYINGIRA

 [Umuziki w'ubukwe uracuranga ku minota itandatu iteganijwe—Ubwanditsi.]

2 Ni nde mbaza gutanga uyu mugore kugira ngo abe umugeni w'uyu mugabo? [Se w'umugeni aravuga ati: "Jyewe, se."—Ubwanditsi.]

3 Bakunzi banjye, twateraniye hano imbere y'iri tsinda, mu maso y'Imana, kugira ngo duhurize hamwe uyu mugabo n'uyu mugore mw'ishyingiranwa ryera, ibyo ni iby'icyubahiro, nk'uko byatangajwe na Mutagatifu Pawulo, mu bantu bose. Bityo rero, ntibikwiye ko umuntu wese abyinjiramo atabigambiriye cyangwa ngo abifate nk'ibintu bworoheje, ahubwo ni mu cyubahiro, mw'ibanga, mu buryo bunoze, mu kwifata, no mu gutinya Imana.

4 Muri ubu buryo bwera, aba bantu babiri bari hano baraza kugira ngo bashyingiranwe. Niba hari umuntu ushobora kugaragaza impamvu ikwiye ituma badakwiye kwemererwa guhurizwa hamwe muri uku gushyingiranwa kwera, nibabivuge nonaha, cyangwa se baceceke iteka ryose.

5 Ndaza kubasaba kandi ngire ibyo mbashinga mwembi, nk'uko muzasubiza nta kabuza ku munsi w'urubanza ubwo amabanga y'imitima yose azahishurwa ko niba umwe muri mwe azi inzitizi izo ari zo zose zatuma mutagomba kwemererwa guhuzwa muri uku gushyingiranwa kwera, ese ubu mwabihamya, kuko bibemeza ko abantu bose bahujwe mu bundi buryo butari ubwo Ijambo ry'Imana ryemera, ishyingiranwa ryabo ntiriba ryemewe n'amategeko.

6 Ariko twizeye ko mwatekereje neza kuri iyi nshingano ikomeye mugiye gufata ko mwiteguye kwinjira muri ibyo, mu buryo bumwe, bw'icyubahiro, mw'ibanga, mu bwenge, no mu gutinya Imana, Ndaza kubemerera isezerano ry'ubukwe; muraza kuvuga nk'ibyo mu gihe muza kuba muhuje ibiganza byanyu by'iburyo. [Umukwe n'umugeni bahuza ibiganza byabo by'iburyo—Ubwanditsi.]

7 Ese uzafata uyu mugore umugire umugore wawe wemewe n'amategeko, ngo mubane muri ubu buryo bwera bw'ugushyingiranwa, Ese umusezeranyije kumukunda, kumwubaha no kumukundwakaza haba mu burwayi no mu buzima bwiza, mu bukire cyangwa mu bukene, ese uzareka abandi bagore bose maze ubane nawe wenyine mu gihe cyose muzaba mukiriho? [Umukwe aravuga ati: "Nzabikora."—Ubwanditsi.]

8 Ese uzemera ko uyu mugabo aba umugabo wawe wemewe n'amategeko, ngo mubane muri uku gushyingiranwa kwera, ese

umusezeranyije kumukunda, kumwubaha, kumukundwakaza haba mu burwayi no mu buzima bwiza, mu bukire cyangwa mu bukene, ese uzareka abandi bagabo bose maze ubane nawe wenyine igihe cyose muzaba mukiriho? [Umugeni aravuga ati: "Nzabikora."—Ubwanditsi.]

9 Ndabasaba ikimenyetso cy'uko iri sezerano ryakozwe hagati yanyu rizahora ryubahirizwa. [Impeta zishyirwa kuri Bibiliya ya mwene Data Branham, hanyuma umukwe yambika impeta ku rutoki rw'umugeni, hanyuma umugeni yambika indi mpeta ku rutoki rw'umukwe—Ubwanditsi.] Noneho murongere muhurize ibiganza byanyu by'iburyo ku Ijambo ry'Imana.

Mureke twunamishe imitwe yacu.

10 Mana Ishoborabyose, washyingiye umugabo n'umugore ba mbere mu busitani bwa Edeni, uhuza ibiremwa Byawe bwite, tuzi neza, uyu munsi, ko uyu murimo wakozwe mu bisekuruza byose kugeza kuri ubu bukwe. Kandi, Data, ni Wowe wenyine Ushobora guhuza imitima umwe ku wundi. Kandi turagusaba, Data Mukundwa wo mu Ijuru, kuko ibi byakozwe n'inama Zawe z'ubwenge, ko Wazanye uyu musore w'Umukristo n'inkumi y'Umukristo ukabahuza kugira ngo babe umwe muri uyu muhango wera uyu munsi, babe umugabo n'umugore hagati yabo mu rugendo rwabo rw'ubuzima, Turagusenga ngo Ubahe umugisha, uhe umugisha urugo rwabo. Ubahe kuba intangarugero, Mwami, mu baturanyi aho bazatura.

11 Muri iki gihe turimo, aho inkiko ziburanisha zuzuyemo imanza z'ubutane, Ntibikabeho ngo bibe kuri uyu musore n'iyi nkumi. Mana, bibahe kugira ngo bagire ibyishimo, ubuzima bwiza. Bahe uburumbuke, Mwami, kandi bagwire, buzuze isi, nk'uko wabidutegetse mu ntangiriro. Kandi nk'uko wahaye Isaka na Rebeka umugisha, bakabyara abana babo b'indahemuka, Data, abe ari ko biba no kuri aba bombi. Dusenze tubasabira umugisha.

12 Noneho, ku bw'ububasha bw'inshingano nahawe n'Imana Ishoborabyose zo kuba umugaragu Wayo, kandi mbitegetswe na Malayika, Ndavuze ngo uyu musore n'iyi nkumi: babaye umugabo n'umugore, mw'Izina rya Yesu Kristo. Amina.

13 Imana ibahe umugisha. Mwashyingiranwe. [Aba bombi barasomana, hanyuma bareba itorero. Umucuranzi wa piyano atangira gucuranga *Wedding March*—Ubwanditsi.]

14 Icyo Imana yahuje cyose, umuntu ntakagitandukanye. [Umukwe, umugeni, n'abamuherekeje barasohoka—Ubwanditsi.]

Mureke twunamishe imitwe yacu.

15 Mana yanjye, nk'uko twabibonye uyu munsi, ko imitima ibiri ishobora gukomeza gutera nk'umwe, kandi tumaze gukora uyu muhango, ndetse no kohereza umusore n'inkumi bavuye

iwabo kugira ngo bajye kubaka urugo rwabo bwite, bitwibutsa, O Mana, ko hari undi Mutambagiro ukomeye uzabaho umunsi umwe, ubwo Yesu azaza kwakira Umugeni We. Kandi ubwo twabonaga umugore muto ahagaze neza yambaye ikanzu ye y'ubukwe, Mana, dukomeze imitima yacu itagira ikizinga ku bintu by'isi kugira ngo dukundwe na We Umukunzi wacu, igihe tuzaba tugeze kuri iyo saha. Mana, ubidukorere. Kandi turasenga ngo Imigisha Yawe ibe kuri buri wese muri twe, kandi tuzabeho muri icyo gihe ubwo tuzagira uruhare mu Muhango ukomeye ugereranywa n'uyu. Mw'izina rya Yesu, turasenze. Amina.

16 Uwiteka abahe imigisha.

[Mwene Data Branham avuga ibi bikurikira nyuma y'umuhango—Ubwanditsi.]

17 Mushiki wacu Simpson, ndifuza kugushimira ko waduhaye umukwe mwiza, agaragara nk'umugabo mwiza cyane.

Nawe, Mwene Data Simpson. Uwiteka aguhe umugisha.

18 Ese nyina w'umuhungu ari hano, cyangwa se, ni we? [Mwene Data aravuga ati: "Oya. Ntibashoboye kuza."—Ubwanditsi.] Yego, ni byiza. Ndatekereza ko abandi bana bahagaze mu gushimira, murabona, nk'abavandimwe bacu bari hanze hariya.

19 Ni byiza, bisa nk'aho twakagombye gukomeza tukagira amateraniro, si byo se? Bose—bose bateranye, kandi iki cyaba ari igihe cyiza cyo kubwiriza, si byo se, nyuma yo gushyingiranwa.

20 Noneho rero, ngiye guhaguruka njye i Phoenix, nsubireyo maze ntangire gukora bimwe muri ibyo. Imihango irakomereza mu cyumba cy'imikino cya Westward Ho ku gicamunsi cy'ejo. Kugeza icyo gihe, Uwiteka abahe umugisha mwese.

21 Mwene Data Dauch, nishimiye cyane kongera kukubona, nishimiye kukubona wicaye. Mushiki wacu ari he? yaba ari hano? [Mwene Data Dauch aravuga, ati: "Ari hano."—Ubwanditsi.] Yoo, ni byiza. Yego, ndakureba neza. Umeze ute? [Mushiki wacu Dauch aravuga ati: "Meze neza."—Ubwanditsi.] Yego, ni byiza.

65-0116x Umuhango Wo Gushyingira
Inzu y'Umwihariko
Tukisoni, Arizona Leta Zunze Ubumwe za Amerika

KINYARWANDA

©2026 VGR, ALL RIGHTS RESERVED

VOICE OF GOD RECORDINGS
P.O. BOX 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.
www.branham.org

Gushinganisha Igihangano

Uburenganzira bwose burashinganye, iki gitabo gishobora gucapirwa mu rugo ku muntu ushaka kugikoresha ku giti cye nta kiguzi, akagikoresha nk'icyo kwifashisha mu rwego rw'ivugabutumwa rya Yesu Kristo. Iki gitabo ntibyemewe kukigurisha cyangwa kugicapa ugasohora umubare munini, ntibyemewe kugishyira ku rubuga, ntibyemewe kukibika mu buryo bw'ikoranabuhanga, kugihindura mu rundi rurimi, cyangwa kugikoresha ugamije kubona inkunga, udafite uruhushya rwanditse rutangwa na Voice Of God Recordings®.

Ku bindi bisobanuro cyangwa ushaka gusaba ibindi bitabo wabariza kuri aderesi ikurikira:

VOICE OF GOD RECORDINGS
P.O. BOX 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.
www.branham.org